UMUTI WAWE: Glipizide miligarama ____

Kuki nahawe uyu muti? Urwaye diyabete cyangwa uri mu kaga ko kuyirwara kuko ufite isukari nyinshi mu maraso yawe. Kugira isukari nyinshi mu maraso yawe bishobora gutera indwara y'umutima, guturika kw'imitsi yo mu bwonko, uburwayi bw'impyiko cyangwa ibibazo mu maso cyangwa mu myakura yawe.

Fata ikinini 1 buri munsi, iminota 30 mbere yo gufata ifunguro rya mu gitondo cyangwa ifunguro ryawe rya mbere ry'umunsi. Gerageza gufata iki kinini buri munsi mu bihe bisa.

Ni iki nziyumvamo mu gihe mfata uyu muti? Rimwe na rimwe haba ingaruka zitewe no gufata uyu muti. Ingaruka ni ikintu kidasanzwe ushobora kwiyumvaho. Zimwe mu ngaruka ziterwa no gufata Glipizide ziza mu gihe umubiri wawe ugenda umenyera uyu muti zirimo iseseme, kuruka, guhitwa no kugugara mu gifu.

Zimwe mu ngaruka ntizibaho kenshi ariko zishobora kugira ubukana. **Hamagara 911 cyangwa wihutire kujya mu cyumba cyita ku ndembe nugira: gufurutwa, kubyimba isura, iminwa, ururimi cyangwa inkanka; ugorwa no guhumeka, cyangwa kubura umwuka GYANGWA mu gihe ukora imyitozo ngororamubiri myinshi, ugira ibinya, imbaraga nke cyangwa ukumva unaniwe cyane.**

Ni iki kindi namenya?

1. Ugomba gufata uyu muti buri munsi n'ubwo waba wumva umeze neza.
2. Ugomba kongera guhabwa uyu muti buri kwezi.
3. Nywa amazi menshi.
4. Ugomba kubonana na muganga buri mezi 3 kugiraa ngo upimishe isukari yo mu maraso yawe.
5. Nujya ku wundi muganga, irindi vuriro cyangwa icyumba cyita ku ndembe, ugomba kubabwira ko ufite diyabete cyangwa uri mu kaga ko kuyirwara kuko ufite isukari nyinshi mu maraso yawe kandi ko ufata Glipizide.

Ibikubiye mu makuru ajyanye n'ubuzima aboneka kuri uru rubuga bigamije kumenyesha gusa, ntibigomba gufatwa nk'inama zihamye za muganga. Igihe ufite ibibazo bijyanye n'ubuzima cyangwa ubuvuzi, jya ubaza muganga wawe cyangwa undi muntu wahuguriwe gutanga servisi z'ubuvuzi wemewe.